Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga igira umuhate mu minsi icumi ya nyuma kuruta uwo yagiraga mu yindi minsi

Hadith yaturutse kwa Aishat Nyina w'abemeramana (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga igira umuhate mu minsi icumi ya nyuma kuruta uwo yagiraga mu yindi minsi.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Iyo iminsi icumi ya nyuma yo mu kwezi kwa Ramadhan yageraga, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiraga umuhate n'umurava mu bikorwa by'amasengesho no kumvira Allah, ndetse no gukora ibikorwa bindi bitandukanye byiza kuruta uko yabikoraga mu yindi minsi, kubera ubuhambare n'agaciro k'iyo minsi n'ayo majoro, ndetse no gushakisha ijoro ry'igeno.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3755